

Uburumbuke

Twiyemeje gukora ku buryo buri kiremwa muntu kigira imibereho myiza kandi itunganye no guharanira ko iterambere mu bukungu, mu mibereho myiza n'ikorabuhanga ritabangamira ibindi bintu bisanzwe biri ku isi.

Amahoro

Twiyemeje guharanira ko abatuye isi babaho mu miryango yuje amahoro, izira akarengane n'iheza itarangwamo ubwoba n'ihohoterwa. Iterambere rirambye ntiryagerwaho nta mahoro kandi amahoro na yo ntiyagerwaho hatabayeho iterambere rirambye.

Ubufatanye

Twiyemeje gushakisha ibikenewe byose kugira ngo iyi Gahunda ishyingirwe mu bikorwa twifashishije uburyo bwo kongera guha ingufu ubufatanye hagati y'abatuye isi hagamijwe (iterambere rirambye kandi tunashingiye ku gushyira hamwe guhamye mu batuye isi hitabwa cyane cyane ku byo abakene cyane se abatishoboye kurusha abandi bakeneye kandi ibyo bikagerwaho ari uko buri gihugu, buri mufatanyabikorwa na buri muturage babigizemo uruhare.

Kuba Intego z'iterambere rirambye, zuzuzanya kandi zikaba ziteye ku buryo nta we zihaza bizatuma intego y'iyi Gahunda nshya igerwaho. Nituramuka dushoboye kugera ku ntego zose bikubiye muri iyi Gahunda, imibereho ya bose izarushaho kuba myiza cyane kandi isi yacu ishobore guhinduka irushaho kuba nziza.



For more information:
<https://sustainabledevelopment.un.org>



THE GLOBAL GOALS

For Sustainable Development

Gahunda y'Intego z'Iterambere Rirambye zigamijwe kugerwaho mu mwaka w' 2030



Intego 17 z'Iterambere Rirambye :

1. Kurandura ubukene burundu mu buryo bugaragamo bwose no mu duce twose tw'isi.

2. Kurandura burundu inzara, kugera ku kwihaza mu biribwa, kugira imirire iboneye kandi ihagije no guteza imbere ubuhinzi burambye.

3. Guteza imbere ubuzima buzira umuze n'imibereho myiza kuri bose hatitawe ku kigero cy'imyaka barimo.

4. Guharanira uburezi bufite ireme budaheza kandi busaranganyije kuri bose no guha abantu bose amahirwe yo guhora bunguka ubumenyi mu buzima bwabo bwose.

5. Kwimakaza uburinganire hagati y'abagabo n'abagore no kongerera ubushobozi abagore n'abana b'abakobwa.

6. Kugeza amazi meza kuri bose ndetse no kubungabunga ku buryo burambye ibikorwa by'amazi n'isukura kuri bose.

7. Guharanira ko haboneka ingufu z'amashanyarazi zihendutse, zizewe, zirambye kandi zigezweho kuri bose.

8. Guharanira izamuka ry'ubukungu rihamye, ridaheza kandi rirambye kuri bose no guharanira ko abantu bose babona akazi kabaha umusaruro no gukora umurimo ubanogeye.

9. Kubaka ibikorwa remezo bihamye, guteza imbere ikwirakwizwa ry'inganda ku nyungu za bose kandi zirambye no guteza imbere umuco wo guhanga udushya.

10. Kugabanya ubusumbane hagati y'abatuye imbere mu bihugu no hagati y'ibihugu ubwabyo.

11. Gutunganya imijyi n'insisiro bitagira uwo biheza, bidafite ingaruka mbi ku buzima, bihamye kandi birambye.

12. Guharanira ko abatuye isi bashaka ibibatunga batabangamiye ibikorwa bisanzwe biriho n'urusobe rw'ibinyabuzima muri rusange

13. Gufata ingamba zihutirwa mu rwego rwo kurwanya imihindagurikire y'ikirere n'ingaruka zayo.

14. Kubungabunga no gukoresha inyanja, ibiyaga, inzuzi, imigezi n'urusobe rw'ibinyabuzima biba mu mazi ku buryo burambye hagamijwe iterambere rirambye.

15. Kurengera, gusana no gusubiranya indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima byo ku butaka no guteza imbere imikoreshereze irambye y'urwo rusobe, gucunga amashyamba, kurwanya ubutayu, guhagarika no gusubiza inyuma iyangirika ry'ubutaka ndetse no guhagarika igabanyuka ry'urusobe rw'ibinyabuzima.

16. Guharanira ko abatuye isi babana mu miryango yuje amahoro kandi idaheza hagamijwe iterambere rirambye, guharanira

ubutabera kuri bose no kubaka inzego zihamye, zikora neza kandi zitagira uwo ziheza.

17. Gushimangira ubufatanye mu batuye isi mu gushyira mu bikorwa iyi migambi no kongera guha imbaraga ubwo bufatanye hagamijwe amajyambere arambye.

Izi ntego n'ibikorwa binini bizishamikiyeho bizaba umusemburo w'ibigomba kuzakorwa mu myaka cumi n'itanu iri imbere mu nzego zifitiye akamaro kanini isi n'abayituye.

Abatuye Isi

Twiyemeje guca burundu ubukene n'inzara mu buryo bigaragariramo bwose n'uko byaba bimeze kose no gukora ku buryo buri wese mu batuye isi ashobora kugera ku kintu cyose kiri mu bushobozi bwe kandi akubahwa, agahabwa agaciro n'amahirwe angana n'ay'abandi mu isi izira icyahungabanya ubuzima bwe.

Isi

Twiyemeje gukumira ikintu cyose cyakwangiza isi dutuye tunakora ku buryo abayituye batunganya ibintu na serivisi bakeneye batayibangamiye kandi birinda gusesagura no kwangiza umutungo kamere uyirihokaho kandi hakanafatwa ingamba zihutirwa zo kurwanya imihindagurikire y'ikirere kugira ngo isi ifashe abayirihokaho n'abazabakomokaho gukomeza kubona ibyo bakeneye kugira ngo babeho Muri iki gihe ndetse no mu gihe kiri imbere ku buryo burambye.